VERMONT
DEPARTMENT OF HEALTH

Ishami ry'ubuzima rya Vermont
Urukingo rwa kabiri rwa COVID-19
Ifishi itanga uburenganzira

Amazina y'umurwayi: _____ Itariki y'amavuko: _____

Byatangajwe n'ibigo bishinzwe kurwanya no gukumira indwara (CDC):

Guhinduranya ubwoko bw'inkingo za COVID-19

Urukingo rwose rwa COVID-19 rwemewe ubu na FDA rushobora gukoreshwa igihe rwagenwe; ACIP ntirutanisha ubwoko bw'inkingo. Icyakora, inkingo za COVID-19 **ntabwo** zihinduranywa. Kwizerwa ku buzima ndetse n'imikorere y'uruvange rw'ibyiciro by'imiti ntabwo birasuzumwa. Inkingo zombi z'ibyiciro zigomba kuzuzwa n'umuti umwe udahinduwe.

Mu bihe byihariye aho ubwoko bw'inkingo za mRNA bwatanzwe ku rukingo rwa mbere budashobora kumenyekana cyangwa butakiboneka, urukingo rwa COVID-19 rwa mRNA urwo ari rwo rwose ruhari rushobora gutangwa nibura mu gihe k'iminsi 28 hagati y'inkingo rukuzuza ibyiciro by'urukingo rwa COVID 19 rwa mRNA. Mu bihe ubwoko bw'urukingo rwa mRNA bwatanzwe butarimo kutaboneka by'igihe gito, ni ngombwa gukereza urukingo rwa kabiri (kugeza ku byumweru 6) kugira ngo bahabwe ubwoko bumwe aho guhabwa ibyiciro bivanze hakoreshejwe urukingo rutandukanye. Igihe inkingo ebyiri zitandukanye za COVID-19 za mRNA zitanzwe muri ibi bihe (cyangwa mu buryo butunguranye), nta nkingo z'inyongera ziba zikwiye gutangwa muri icyo gihe. Bene aba bantu bafatwa nk'abakingiwe COVID-19 byuzuye nibura mu byumweru 2 nyuma yo guhabwa urukingo rwa kabiri rwa mRNA.

Kwizerwa ku buzima ndetse n'imikorere myiza y'urukingo rwa Jansseen COVID-19 rwatanzwe nyuma y'urukingo rwa COVID-19 rwa mRNA ntibiremezwa. Ariko, mu bihe runaka, bidasanzwe aho umurwayi yahawe urukingo rwa mbere rwa COVID-19 rwa mRNA ariko akaba atabasha kuzuza ibyiciro n'urukingo rumwe cyangwa rutandukanye rwa COVID-19 rwa mRNA (urugero, bitewe n'ingaruka mbi), urukingo rukumbi rwa COVID-19 rwa Janssen rushobora gutangwa nibura mu gihe cy'iminsi 28 uhereye igihe urukingo rwa mRNA rwafatiwe. Abarwayi bahabwa urukingo rwa COVID-19 rwa Janssen nyuma y'urukingo rwa COVID-19 rwa mRNA rwa mbere bagomba gufatwa nk'abahawe urukingo rukumbi rwa Janssen rufite agaciro—atari ibyiciro bivanze by'inkingo—kandi bafatwa nk'abakingiwe COVID-19 byuzuye nibura mu byumweru 2 nyuma yo guhabwa urukingo rukumbi rwa Janssen.

- **Namenyesheje abakozi b'ivuriro ibyo nizera ko ari ukuri kandi biboneye ku rukingo rwa COVID-19 ngewe (cyangwa umurwayi wavuzwe hejuru) nahawe nk'urukingo rwa mbere (nka Pfizer-BioNTech, Moderna).**

- **Namenyesheje abakozi b'ivuriro itariki nizera ko ari ukuri kandi iboneye ngewe (cyangwa umurwayi wavuzwe hejuru) nahereweho urukingo rwa mbere rwa COVID-19.**

- **Nsobanukiwe ko ishami ry'ubuzima rya Vermont n'iri vuriro rikingirirwaho bidashobora gusuzuma ubwizerwe bw'urukingo rwa mbere ngewe (cyangwa umurwayi wavuzwe hejuru) nahawe (nka Pfizer-BioNTech, Moderna).**

VERMONT
DEPARTMENT OF HEALTH

Ishami ry'ubuzima rya Vermont
Urukingo rwa kabiri rwa COVID-19
Ifishi itanga uburenganzira

- **Nasomye ibitabo biri hejuru by'ibigo bishinzwe kurwanya no gukumira indwara (CDC) ku byerekeye guhinduranya inkingo za COVID-19 bivuga ku guhindura ubwoko bw'urukingo wahawe igihe cyo guhabwa urukingo rwa kabiri.**

- **Nsobanukiwe ko kwizerwa ku buzima ndetse n'imikorere yo guhabwa ubwoko bubiri butandukanye bw'inkingo za COVID-19 (nka Moderna ku rukingo rwa mbere na Pfizer-BioNTech ku rukingo rwa kabiri) bitarigwa ngo bifatweho umwanzuro.**

Umukono w'umurwayi:
_____

Itariki ifishi itanga uburenganzira yashyiriweho umukono:
_____

Umukono w'umubyeyi/umurezi wemewe n'amategeko* (niba umurwayi afite munsi y'imyaka 18) _____
*Iyo umwana utujuje imyaka y'ubukure yitwabwaho na leta, umukono w'umuhagarariye ubifitiye uburenganzira ni ngombwa.

Amazina y'umubyeyi/umurezi wemewe n'amategeko (andika mu nyuguti nkuru):_____

Nomero ya telefone umubyeyi/umurezi wemewe n'amategeko akoresha ku manywa:**
_____
** Niba umubyeyi/umurezi wemewe n'amategeko atazaba ari ku ivuriro.